ISO 9001:2015 CERTIFIED

Ikinyamakuru k'imihindagurikire y'ikirere N^{o}36, kigenewe abahinzi- borozi, igice cya gatatu Ukuboza (21- 31), 2020

Cyasohotse ku itariki ya 2 Mutarama 2021

Incamake

Mu minsi icumi y'igice cya gatatu, Ukuboza 2020 kuva tariki ya 21 kugeza tariki ya 31, byagaragaye ko isangano ry'imiyaga rikiri mu karere u Rwanda ruherereyemo, nubwo imvura yagabanutse mubice byinshi by'igihugu. Imvura iri munsi y'ikigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa yapimwe ahenshi mu gihugu uretse ku bupimiro bwa Bugarama , Mbirizi n'ubw Kibungo hapimwe imvura iri hejuru y'ikigereranyo cy'impuzandengo. Igiteranyo cy'imvura nyinshi yapimwe mu Ntara y'Iburengerazuba mu karere ka Rusizi ku bupimiro bwa Bugarama ahapimwe milimetero 76.4 mu minsi itatu no ku bupimiro bwa Mibirizi hapimiwe milimetero 55.5 mu minsi ine. Ku bupimiro bwa Kibungo mu ntara y'Iburasirazuba naho hapimiwe milimetero 44.8 mu minsi ine. Naho imvura nke iri munsi ya milimetero 10 yapimiwe ku bupimiro bwa Mwiri mu karere ka Kayonza mu ntara y'Iburasirazuba ingana na milimetero 5.4 ikaba yaraguye umunsi umwe. Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe mu gice cya gatatu cy'Ukuboza, aho igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyusi (°C) 21.4 ku bupimiro bwa Byumba mu ntara y'Amajyaruguru ndetse na dogere Selisiyusi 30.2 muri Rusizi ku bupimiro bwa Bugarama naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya 10.7°C muri Musanze ku bupimiro bwa Busogo na 18.7°C ku bupimiro bwa Bugarama muri Rusizi.

1.0 Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya gatatu cy'Ukuboza 2020.

1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi y'igice cya gatatu cy'Ukuboza 2020. Muri iki gice imvura yapimwe yari iri munsi y'ikigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa ahenshi mu gihugu nubwo hanwe na hamwe mu gihugu hapimwe imvura iruta isanzwe ihagwa. Imvura yabaye nke bigira ingaruka ku bihingwa bimwe na bimwe .



Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura yaguye mu gice cya gatatu cy'Ukuboza 2020

P.O Box 898 KIGALI | **E-mail :bulletin@meteorwanda.gov.rw** | **@MeteoRwanda** | **Toll free :6080**
Address: Nyarugenge KN2, 96st | **Website: www.meteorwanda.gov.rw** | **Meteo Rwanda**

1.2 Impuzandengo y'imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya gatatu cy'Ukuboza

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirekire, ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya gatatu cy'Ukuboza. Ubusanzwe iki gice kigusha imvura iri hagati ya milimetero 13.8 na milimetero 111.8; ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, bigaragara ko muri iyi minsi icumi imvura yabaye nke mu bice byinshi by'igihugu.



Ikarita ya 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya gatatu cy'ukwezi k' Ukuboza

1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya gatatu mu kwezi k'Ukuboza 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni uwapimweho byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi.

Muri iki gice nibura ahantu henshi hagushije imvura hagati y'iminsi ibiri n'iminsi irindwi (2-7) uretse ku bupimiro bwa Nyagatare n'ubwa Mwiri mu ntara y'Iburasirazuba imvura yaguye mu munsi umwe (1) gusa.



Ikarita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo

1.4 Ubuhehere bw'Ubutaka

Aha turagaragaza muri rusange uko ubuhehere bw'ubutaka bwari bumeze. Ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya gatatu cy'Ukuboza 2020 ahenshi bwaragabanutse bitewe n'uko imvura yabaye nke cyane . Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buzongera kwiyongera bitewe n'imvura iteganyijwe mu gice cya mbere cya Mutarama 2021.

2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru

Ikarita ya 4 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe dupima, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo cy'impuzandengo y'igihe kirekire, mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Iburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi. Mu Ntara y'Amajyaruguru, y'Iburengerazuba akaba ariho hakonje

ugereranyije n'ahandi mu gihugu. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 21.4 na 27.3 ahenshi mu gihugu, uretse ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane hapimwe dogere selisiyusi 30.2



Ikarita ya 4: Ubushyuhe bwo hejuru

2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatanu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya dogere Selisiyusi 10.7^0C (Busogo) na dogere Selisiyusi 18.7^0C ku bupimiro bwa Bugarama. Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha ahandi mu gihugu.



Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hasi

3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Mutarama (tariki 1-10) 2021

3.1 Ikirere giteganyijwe Mu gice cya mbere cy'ukwezi kwa Mutarama 2021 (hagati y'itariki ya 1 n'iya 10) mu Rwanda hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 20 na 120. Biteganyijwe ko Intara y'Amajyepfo n'iy' Iburengerazuba zizabona imvura nyinshi kurusha Intara y'Amajyaruguru, Umujyi wa Kigali n'Intara y'Iburasirazuba. Imvura iteganyijwe izaba iri ku rugero rw'imvura isanzwe igwa muri aya matariki ahenshi mu gihugu, ikazaba iri hejuru gato mu ntara ziteganyijwemo imvura nyinshi. Iyi mvura iteganyijwe cyane cyane hagati y'itariki ya 1 n'iya 3 Mutarama 2021.

. Imvura izagwa mu gihugu mu buryo bukurikira:

Intara y'Iburasirazuba: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero20na 80.Igice kinini cy'akarere ka Nyagatare, hagati mu karere ka Gatsibo n'amajyaruguru y'akarere ka Kayonza hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 20 na 40. Mu burasirazuba bw'akarere ka Kirehe, igice gisigaye cy'akarere ka Gatsibo n'aka Nyagatare, mu karere ka Bugesera n'amajyaruguru y'uburasirazuba bwa Rwamagana hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 60. Akarere ka Ngoma, igice gisigaye cy'akarere ka Kirehe n'aka Rwamagana hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 80.

Umujyi wa Kigali: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 80.Mu karere ka Gasabo n'igice gito cy'amajyaruguru y'akarere ka Nyarugenge n'aka Kicukiro hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 80. Ahandi hose hasigaye mu karere ka Nyarugenge na

Kicukiro hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 60.

Intara y'Iburengerazuba: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 120. Mu burasirazuba bw'uturere twa Nyabihu na Ngororero, amajyepfo ya Rutsiro n'igice kinini cya Karongi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 80. Mu karere ka Rubavu, mu burengerazuba bwa Nyabihu na Ngororero, igice kinini cya Rutsiro, agace k'amajyepfo ka Karongi, mu majyepfo no mu majyaruguru ya Nyamasheke ndetse no mu burengerazuba bwa Rusizi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 80 na 100. Mu burasirazuba bw'akarere ka Rusizi n'igice cyo hagati cy'akarere ka Nyamasheke hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 100 na 120.

Intara y'Amajyaruguru: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 80. Igice kinini cy'akarere ka Musanze, amajyaruguru y'akarere ka Burera, mu burengerazuba n'amajyepfo y'akarere ka Gakenke no mu majyepfo y'uturere twa Rulindo na Gicumbi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 80. Naho mu gace gato k'amajyepfo y'akarere ka Musanze, amajyepfo ya Burera no mumajyaruguru y'uturere twa Gakenke, Rulindo na Gicumbi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 60.

Intara y'Amajyepfo: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 120. Mu burasirazuba bw'akarere ka Nyanza n'aka Ruhango no mu majyepfo y'akarere ka Kamonyi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 60. Mu karere ka Muhanga, Gisagara, mu gice kinini cy'akarere ka Huye, igice gisigaye cy'uturere twa Ruhango, Kamonyi na Nyanza hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 80.

Mu burasirazuba bw'akarere ka Nyamagabe, aka Nyaruguru no mu burengerazuba bw'akarere ka Huye hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 80 na 100. Mu burengerazuba bw'akarere ka Nyaruguru na Nyamagabe muri Parikiya Nyungwe no mu nkengero zayo hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 100 na 120.



Ikarita ya 6: Iteganyagihe ry'imvura mu gice cya mbere cya Mutarama 2021.

3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Inzego z'ubuhinzi ziragirwa inama yo gukomeza kwitegura neza imirimo y'isarura n'ihunika kuko muri iki gice cya mbere cya Mutarama ibihingwa byinshi byegereje isarurwa. Abahinzi barashishikarizwa gukomeza kugisha inama abashinzwe ubuhinzi babegereye mu gukomeza gutegura neza imirimo ijyanye n'ubuhinzi. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.